REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE
N'UBUKERARUGENDO
B.P. 2378 KIGALI

26/05/96
1468.

# INCAMAKE Y'INGINGO-SHINGIRO ZEREKEYE IKORWA RY'IMIRIMO YO GUTUNGANYA PARIKI Y'IMYIDAGADURO N'UBUKERARUGENDO YO MU KIBAYA CYA NYARUTARAMA, KIGALI

## I. ISOBANURA-MPAMVU:

Nk'uko byemejwe mu Nama y'Abaminisitiri yo ku wa 13 Gashyantare 1996, Minisiteri y'Ibidukikije n'Ubukerarugendo yemerewe gutangiza imirimo ijyanye n'Ibikorwa bigamije guteza imbere Inganda z'Ubukerarugendo mu Rwanda; bityo turisimi ikaba koko inkingi y'ubukungu bw'Igihugu; ikunganira icyayi na kawa mu kwinjiza amadovize atubutse mu Rwanda.

Muri Gahunda y'Ibikorwa byihutirwa byari biteganyijwe, Pariki y'Imyidagaduro n'Ubukerarugendo ya NYARUTARAMA niyo yari ku isonga. Imirimo yo kuyitunganya ikaba isaba ko habanza kwiga no gupanga neza imirimo izahakorerwa, hakanategurwa igishushanyo-mbonera cy'uko izaba iteye, ari nacyo kigomba kugaragaza imiterere n'ahazashyirwa ibice byinshi kandi binyuranye bizinjiza amafaranga bizaba bigize iyo Pariki, aribyo:

- ahazashyirwa zoo (aho bororera inyamaswa); bityo, abashaka kureba ingagi, inzovu, intare, ingwe, n'izindi nyamaswa hamwe n'inyoni zo mu Rwanda bakabibona hafi;

- ahazashyirwa ibiyaga bidasanzwe n'ahazajya ibinyabuzima biba mu mazi (aquarium);

- ahazashyirwa ibibuga bya Golf n'ubusitani;

- ahazateganyirizwa icyanya cy'amafu cyo gutembereramo no gufata akayaga;

- ahazashyirwa inzu ndanga-muco Nyarwanda kugira ngo ibyiza byawo byinjizwe mu bukerarugendo;

- ahazagenerwa imikino y'abana, iyabakuru n'ibindi...

- ahazajya amaresitora, amabare n'amahoteri anyuranye;

- ahazanyura imihanda, n'utugenderano;

- ahazashyirwa ibibuga by'imikino y'abana n'abakuru;

- ahazajya hahagarikwa amamodoka yazanye abagenzi, n'ibindi...

## II. BIMWE MU BIGAMIJWE:

- Icyambere umuntu yavuga ni uko ishyirwaho rya Pariki y'Akatarabonekа y'Imyidagaduro n'Ubukerarugendo ya NYARUTARAMA rizagirira akamaro Igihugu mu rwego rw'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage cyane cyane mu gutanga akazi, ku buryo imirimo inyuranye izakorwa muri iyo Pariki ishobora kuzatanga akazi ku bakozi babarirwa hagati ya 500 n'1000;

- Icya kabiri kigaragara ni imisoro inyuranye Igihugu kizakura ku mirimo izakorerwa muri iyo Pariki, tutaretse n'amadovize atubutse azinjizwa kubera umubare wa ba Mukerarugendo baturuka hanze n'ab'imbere mu Gihugu uziyongera;

- Hari kandi no gutuma abantu bashobora kubona aho baruhukira hafi yabo kandi hatabahenze kuko, ubwo hazaba ari hafi, bazajyayo ari benshi, maze ibiciro bikagabanyuka;

- Uko kuruhuka, abantu bahurira hamwe, bishobora no gutuma abantu barushaho kwegerana; bikaba byatuma ubwiyunge mu Banyarwanda bugerwaho vuba, amacakubiri n'ukwishishanya bikurura intambara isenya igihugu, bigenda bigabanyuka;

- Uretse kandi no kwongera umubabare wa ba Mukerarugendo baba abaturutse hanze cyangwa abenegihugu, Pariki y'Imyidagaduro n'Ubukerarugendo ya NYARUTARAMA izanatuma abikorera ku giti cyabo bashora imari yabo muri turisimi, bityo bunganire Leta mu guteza imbere ubukerarugendo mu Rwanda.

## III. UBURYO IMIRIMO IZAKORWA N'INSHINGANO Z'ABAZAYIKORA

Ikigo cy'ubwubatsi kizakora imirimo yo gutunganya Pariki ya NYARUTARAMA kigomba:

a) Kugaragaza igishushanyo-mbonera cyerekana ibice bigize Pariki y'Imyidagaduro n'Ubukerarugendo ya NYARUTARAMA ari byo:

- aho bazashyira inyamaswa n'uko bizaba bimeze;
- ahazashyirwa ikiyaga kidasanzwe n'umwaro ugikikije;
- ahazajya utuzenga;
- ahazashyirwa ibibuga bya Golfu n'ubusitani;
- ahazashyirwa ibibuga binyuranye by'imikino y'abana n'abakuru;
- ahazashyirwa ibyanya by'amafu no kuruhukiramo;
- ahazashyirwa amaresitora n'amabare;
- ahazajya amahoteri anyuranye;
- ahazanyura uduhanda twa kaburimbo tugabanya Pariki mo ibice, n'ibindi...

b) Gukora igena-bikorwa ry'imirimo izahakorerwa no kwerekana amafaranga n'ibikoresho bizakenerwa, tutaretse no kugaragaza igihe imirimo izamara

c) Kwerekana umubare w'amafaranga imirimo izatwara n'ukuntu imari izaba yarashowe izagaruzwa.

d) Kwerekana amoko y'inyamaswa n'ibimera bizashyirwa muri iyo Pariki.

N'aho ku byerekeye ukuntu imirimo izakorwa, AKANAMA GAHURIWEHO NA ZA MINISITERI zashinzwe gukurikirana iyo mirimo kifuje ko itunganywa rya Pariki ya NYARUTARAMA ryakorwa n'abantu babizobereyemo, ibintu byo kujandajanda no guteka umutwe bikavaho.

Ni muri urwo rwego bifuje ko iyo mirimo yashingwa kimwe mu bigo by'ubwubatsi cyo mu gihugu cyateye imbere mu mirimo nk'iyo. Icyo kigo kikaba cyakora imirimo yo gutegura igishushanyo-mbonera, gupanga imirimo izahakorerwa; hanyuma akaba ari nacyo gishingwa no kubaka amazu, ibibuga, gukora ikiyaga, n'ibindi byose bizakenerwa muri Pariki.

Biramutse bigenze bityo, ako KANAMA gasanga ariho imirimo yakwihuta kandi bigatwara amafaranga make.

Ako KANAMA kasanze kandi ari ngombwa gushyiraho umukozi (fonctionnaire dirigeant) uzakurikirana buri gihe kandi ku buryo bwa hafi imirimo ijyanye n'itunganywa ry'iyo Pariki.

IV. <u>IGIHE GITEGANYIJWE</u>:

Minisiteri y'Ibidukikije n'Ubukerarugendo isanga imirimo yo gutegura ibishushanyo mbonera by'imirimo izakorerwa muri Pariki ya NYARUTARAMA, gupanga imirimo yose izahakorerwa no kwerekana imari izayigendaho bidakwiye kurenza amezi 6; bikaba bizasaba impuguke zigizwe na Injenyeri mu by'ubwubatsi wakora amezi 4, impuguke mu by'amazi wakora ukwezi 1, impuguke mu gutunganya ahantu wakora ukwezi 1, Agoronome wazobereye mu by'ubutaka wakora ukwezi 1, impuguke mu by'ubukungu yakora ukwezi 1, impuguke mu mibereho y'inyamaswa yakora ukwezi 1; n'umutekinisiye mu byo gupima ahantu wakora amezi 2.

Naho ku byerekeye ikorwa ry'imirimo y'ubwubatsi bw'amazu, imihanda, n'ibibuga, ibiyaga, ahazororerwa inyamaswa... Minisiteri y'Ibidukikije n'Ubukerarugendo ibona ko bitagombye kurenza amezi 18, ibyo ariko bikazaterwa ahanini n'ukuntu amafaranga ya ngombwa azakenerwa azaba yabonetse.

V. IBINDI UMUNTU YAVUGA:

Imirimo yo gutegura igishushanyo mbonera no gupanga imirimo izakorerwa i NYARUTARAMA izatwara amafaranga agera ku bihumbi 120 by'amadolari y'Abanyamerika. Minisiteri y'Ibidukikije n'Ubukerarugendo ikaba irimo ivugana n'Umushinga "Fonds d'Etudes" ukorera muri Minisiteri y'Imigambi ya Leta kugira ngo uzayigoboke.

Ku byerekeye imirimo yo kubaka amazu, imihanda, ibibuga, n'ibindi byose bizaba bigize Pariki ya NYARUTARAMA, ingano y'amafaranga bizatwara izagaragazwa igihe cy'iyigwa ry'igishushanyo mbonera.

Leta y'u Rwanda nimara kumenya umubare nyawo w'ayo mafaranga azakenerwa, izahita itangira imishyikirano hamwe n'imiryango mpuza mahanga idufasha mu by'ubukungu n'imari itaretse n'abikorera ku giti cyabo kugira ngo bumvikane ku buryo bazakusanya iyo mari n'uruhare rwa buri gice.

Bikorewe i Kigali, ku itariki ya 16 Gicurasi 1996